Ntimukicare hejuru y'imva kandi ntimugasari mwerekeye ku mva

Hadithi yaturutse kwa Abi Mar'thad Al Ghanawiy (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Ntimukicare hejuru y'imva kandi ntimugasari mwerekeye ku mva."
[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yabujije kwicara hejuru y'imva. Nkuko yabujije gusali abantu berekeye ku mva, nko kuba imva iherereye mu cyerekezo berekeramo basali (Qiblat), kubera ko ari bumwe mu buryo bw'ibangikanyamana (Shir'k).

http://www.sunnah.global/hadeeth/rw/show/10647